AMASHYAMBA

Mu Karere ka Huye mu rwego rwo kwita ku bidukikije n'umutungo kamere mu buryo burambye mu Karerere ka Huye ubuso buteyeho ibiti bukomeje kongerwa. Aho buri mwaka hakomeza guterwa ku misozi ibiti by'amashyamba n'ibivangwa n'imyaka ndetse hakagomeza no kuvugururwa amashyamba aba ashaje cyangwa yarangiritse kugirango yongere atange umusaruro. kugeza mu mwaka 2012 Akarere ka Huye kakaba kari gatwikiriwe n'amshyamba ndetse n'ibiti ku buso bungana na ha 5769.1. Mu karere ka Huye kandi kuva mu mwaka wa 2013 kugeza mu mwaka wa 2016 ha 198.9 z'amashyamba yashaje n'ayangiritse zimaze gusazurwa(kuvugururwa) kugirango zongere zitange umusaruro.

Imbonerahamwe ikurikira ikaba igaragaza uko imirimo yo kongera ubuso buteyeho amashyamba n'ibiti bivangwa n'imyaka yagiye ikorwa buri mwaka kuva mu mwaka wa 2012.

Umwaka		2012-2013	2013-2014	2014-2015	2015-2016	**Igiteranyo**
Ubuso bwatewe (ha)	Amashyamba	198	191	305	234	928
	Ibiti bivangwa n'imyaka	717	1136	1761	1029	4643